REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO, N'UMUCO
B.P. 1044 - KIGALI

Kigali, kuwa **12/03/99**

N° 013/20.10/AMK/M.S

A traiter par ......
Date entrée : 18/3/99
N° Classement : 8509 /21

**Bwana HATEGEKIMANA Emmanuel**
**Ushinzwe Informatique muri Minisiteri**
**y'Urubyiruko, Siporo, n'Umuco**
**KIGALI**

**Impamvu :**
**Kukumenyesha Gahunda**
**y'ibikorwa byihutirwa mu**
**Buyobozi bw'Imirimo Rusange**

Bwana,

Nshingiye ku cyifuzo wagejejehwo n'Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, n'Umuco, cyerekeranye no Gusigariraho Umuyobozi w'Imirimo Rusange igihe azaba agiye mu kiruhuko cy'Umwaka w'i 1997(Guhera ku wa 15 Werurwe kugeza ku ya 13 Mata 99), nshimishijwe no kukugezaho ku mugereka w'uru rwandiko :

- Gahunda y'ibikorwa by'Ubuyobozi bw'Imirimo Rusange yari iteganyijwe mu cyumweru cyo ku wa 8 Werurwe kugeza ku ya 12 Werurwe, ibyakozwe n'ibitararangiye
- Gahunda y'ibikorwa biteganyijwe mu cyumweru cyo ku wa 15 Werurwe kugeza ku ya 15 Werurwe.
- Ibyemezo byafashwe mw'itangwa ry'amavuta (distribution) ku nzego zinyuranye za Minisiteri.
- Amavuta agomba guhabwa inzego zikurikira mu kwezi kwa gatatu yaratanzwe :
  - Cabinet Ministre : 700 litres (yagombaga kugeza tariki ya 17 Mata kuko ariho iminsi 30 izaba irangiye)
  - Umunyamabanga Mukuru : 400 litres (yagombaga kugeza tariki ya 17 Mata)
  - Abayobozi b'urubyiruko mu rwego rwa Perefegitura (Encadreurs Préfectoraux) : 460 litres (agomba kugeza tariki ya 28 Werurwe.

- Itangwa ry'amavuta akoreshwa imirimo ya buri munsi rikurikiza fiches. Icyo gikorwa uzagifashwamo na Madamu MUKABATSINDA Christine.
- Amavuta asigaye mu kwezi kwa Werurwe arangana na :
  - litiro 140 za Essence
- Amavuta y'ukwezi kwa Mata, ntaratangwa. Ni ukwihutira gukora Bon de Commande yayo.

Imirimo myiza.

**Umuyobozi w'Imirimo Rusange**

**KANYANGE Anne Marie**

Bimenyeshejwe :
- Minisitiri w'Urubyikruko,
  Siporo n'Umuco
- Umunyamabanga Mukuru
  muri Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, n'Umuco
  KIGALI